

***A. Iteka rya Perezida/Presidential Order/Arrêté Présidentiel***

**N°83/01 ryo kuwa 09/12/2010**

Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gushaka abakozi bakora mu myanya yo mu Butegetsi bwa Leta..... 2

**N°83/01 of 09/12/2010**

Presidential Order governing modalities for the recruitment of Public Servants..... 2

**N°83/01 du 09/12/2010**

Arrêté Présidentiel déterminant les modalités de recrutement des agents de l'Administration Publique.....2

ITEKA RYA PEREZIDA N°83/01 RYO KUWA  
09/12/2010 RIGENA UBURYO BWO  
GUSHAKA ABAKOZI BAKORA MU  
MYANYA YO MU BUTEGETSI BWA LETA

PRESIDENTIAL ORDER N°83/01 OF  
09/12/2010 GOVERNING MODALITIES FOR  
THE RECRUITMENT OF PUBLIC  
SERVANTS

ARRETE PRESIDENTIEL N°83/01 DU  
09/12/2010 DETERMINANT LES  
MODALITES DE RECRUTEMENT DES  
AGENTS DE L'ADMINISTRATION  
PUBLIQUE

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIERES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER : DISPOSITIONS  
GENERALES

Ingingo ya mbere: icyo iri teka rigamije

Article One: Purpose of this Order

Article premier: Objet du présent arrêté

Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka

Article 2: Scope of application

Article 2: Champ d'application

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Article 3: Definitions of terms

Article 3 : Définitions des termes

UMUTWE WA II: UBURYO ABAKOZI  
BASHAKWA

CHAPTER II: MODALITIES FOR THE  
RECRUITMENT

CHAPITRE II: MODALITES DE  
RECRUTEMENT

Ingingo ya 4: Ibishingirwaho mu gushaka  
abakozi

Article 4: Criteria for the recruitment of Public  
Servants

Article 4: Critères de recrutement

Ingingo ya 5: Gutangaza imyanya ikeneye  
abakozi

Article 5: Advertisement of vacant posts

Article 5: Publication des postes vacants

Ingingo ya 6: Uburyo bwo gusaba akazi

Article 6 : Job application procedure

Article 6: Procédure de demande d'emploi

Ingingo ya 7: Gutoranya abakandida bazakora  
ibizamini

Article 7: Short listing of candidates

Article 7: Présélection des candidats

Ingingo ya 8: Igihe cyo gutoranya abakandida  
bazakora ibizami

Article 8: Deadline for short listing

Article 8: Délai de présélection

**Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010**

<b><u>Ingingo ya 9:</u> Ikorwa ry'ikizamini</b>	<b><u>Article 9:</u> Examination Process</b>	<b><u>Article 9:</u> Procédure d'examen</b>
<b><u>Ingingo ya 10:</u> Itegurwa ry'ibizamini</b>	<b><u>Article 10:</u> Preparation of the tests</b>	<b><u>Article 10:</u> Préparation des examens</b>
<b><u>Ingingo ya 11:</u> Ikizamini cyanditse</b>	<b><u>Article 11:</u> Written test</b>	<b><u>Article 11:</u> Examen écrit</b>
<b><u>Ingingo ya 12:</u> Ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro</b>	<b><u>Article 12:</u> Oral test</b>	<b><u>Article 12:</u> Examen oral</b>
<b><u>Ingingo ya 13:</u> Ikizamini cyihariye</b>	<b><u>Article 13:</u> Special examination</b>	<b><u>Article 13:</u> Examen spécial</b>
<b><u>Ingingo ya 14:</u> Gutangaza amanota y'ibizamini byanditse</b>	<b><u>Article 14:</u> Publication of written test results</b>	<b><u>Article 14:</u> Publication des résultats des examens écrits</b>
<b><u>Ingingo ya 15:</u> Kujurira</b>	<b><u>Article 15:</u> Appeal</b>	<b><u>Article 15:</u> Recours</b>
<b><u>Ingingo ya 16:</u> Gutangaza amanota y'ibizamini bikorwa mu buryo bw'ikiganiro</b>	<b><u>Article 16:</u> Publication of oral tests results</b>	<b><u>Article 16:</u> Publication des résultats des examens oraux</b>
<b><u>Ingingo ya 17:</u> Gutsinda ibizamini</b>	<b><u>Article 17:</u> Passing exams</b>	<b><u>Article 17:</u> Réussite aux examens</b>
<b><u>Ingingo ya 18:</u> Ibyangombwa bisabwa umukandida watsinze ibizamini mbere yo guhabwa akazi</b>	<b><u>Article 18:</u> Requirements to be provided by successful candidate before appointment</b>	<b><u>Article 18:</u> Documents exigés au candidat qui a réussi aux examens avant le début de service</b>
<b><u>Ingingo ya 19:</u> Gushyikiriza raporo Komisiyo</b>	<b><u>Article 19:</u> Submission of the report to the Commission</b>	<b><u>Article 19:</u> Transmission du rapport à la Commission</b>
<b><u>Ingingo ya 20:</u> Isuzumwa rya raporo</b>	<b><u>Article 20:</u> Evaluation of the report</b>	<b><u>Article 20:</u> Evaluation du rapport</b>
<b><u>Ingingo ya 21:</u> Gushyirwa mu myanya</b>	<b><u>Article 21:</u> Appointment of candidates</b>	<b><u>Article 21:</u> Affectation</b>
<b><u>Ingingo ya 22:</u> Gushyira abakozi mu myanya y'Ubuyobozi mu Nzego z'Ubutegetsi Bwite bwa Leta</b>	<b><u>Article 22:</u> Appointment of candidates on managerial posts in Central Government</b>	<b><u>Article 22:</u> Affectation des candidats aux postes de management dans l'Administration Centrale</b>

**Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010**

**Ingingo ya 23:** Gushyira Abakozi mu myanya y'ishyira mu bikorwa n'imyanya ya tekiniki mu Nzego z'Ubutegetsi Bwite bwa Leta

**Article 23:** Appointment of candidates on execution or supporting posts in Central Government

**Article 23:** Affectation des candidats aux postes d'exécution ou d'appui dans l'Administration Centrale

**Ingingo ya 24:** Gushyira mu myanya abakozi mu Nzego z'Ibanze

**Article 24:** Appointment of candidates in Local Government

**Article 24:** Affectation des candidats dans l'Administration Locale

**UMUTWE WA III: INGINGO ZISOZA**

**CHAPTER III: FINAL PROVISIONS**

**CHAPITRE III: DISPOSITIONS FINALES**

**Ingingo ya 25:** Abashinzwe kubahiriza iri teka

**Article 25:** Authorities responsible for the implementation of this Order

**Article 25:** Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté

**Ingingo ya 26:** Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka

**Article 26:** Repealing provision

**Article 26:** Disposition abrogatoire

**Ingingo ya 27:** Igihe iri teka ritangirira kubahirizwa

**Article 27:** Commencement

**Article 27:** Entrée en vigueur

**Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010**

**ITEKA RYA PEREZIDA N°83/01 RYO KUWA  
09/12/2010 RIGENA UBURYO BWO  
GUSHAKA ABAKOZI BAKORA MU  
MYANYA YO MU BUTEGETSI BWA LETA**

**PRESIDENTIAL ORDER N°83/01 OF  
09/12/2010 GOVERNING MODALITIES FOR  
THE RECRUITMENT OF PUBLIC  
SERVANTS**

**ARRETE PRESIDENTIEL N°83/01 DU  
09/12/2010 DETERMINANT LES  
MODALITES DE RECRUTEMENT DES  
AGENTS DE L'ADMINISTRATION  
PUBLIQUE**

**Twebwe, KAGAME Paul,**  
Perezida wa Repubulika;

**We, KAGAME Paul,**  
President of the Republic;

**Nous, KAGAME Paul,**  
Président de la République ;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 113, iya 121 n'iya 201;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 112, 113, 121 and 201;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 112, 113, 121 et 201 ;

Dushingiye ku Itegeko n° 01/2006 ryo kuwa 24/01/2006 rigenga imitunganyirize n'imikorere by'Intara, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 21, iya 23 n'iya 28 ;

Pursuant to Law n° 01/2006 of 24/01/2006 determining the organization and functioning of Province, especially in Articles 21, 23 and 28;

Vu la Loi n° 01/2006 du 24/01/2006 portant organisation et fonctionnement de la Province, spécialement en ses articles 21, 23 et 28 ;

Dushingiye ku Itegeko n° 08/2006 ryo kuwa 24/02/2006 rigenena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'Akarere, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 20, iya 35, iya 97 n'iya 98;

Pursuant to Law n° 08/2006 of 24/02/2006 determining the organization and functioning of District, especially in Articles 20, 35, 97 and 98;

Vu la Loi n° 08/2006 du 24/02/2006 portant organisation et fonctionnement du District, spécialement en ses articles 20, 35, 97 et 98;

Dushingiye ku Itegeko n° 10/2006 ryo kuwa 03/03/2006 rigena imiterere, imitunganyirize n'imikorere y'Umujyi wa Kigali, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 95, iya 96, iya 97, iya 157, iya 187, iya 192, iya 193 n'iya 194;

Pursuant to Law n° 10/2006 of 03/03/2006 determining the organization and functioning of Kigali City, especially in Articles 95, 96, 97, 157, 187, 192, 193 et 194;

Vu la Loi n° 10/2006 du 03/03/2006 portant organisation et fonctionnement de la Ville de Kigali, spécialement en ses Articles 95, 96, 97, 157, 187, 192, 193 et 194;

Dushingiye ku Itegeko n° 22/2002 ryo kuwa 09/07/2002 rishyiraho sitati rusange igenga

Pursuant to Law n° 22/2002 of 09/07/2002 on general statute for Rwanda Public Service,

Vu la Loi n° 22/2002 du 09/07/2002 portant statut général de la Fonction Publique

**Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010**

abakozi ba Leta n'inzego z'imirimo ya Leta, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 15, iya 16, iya 17 n'ya 18;	especially in Articles 15, 16, 17 and 18;	Rwandaise, spécialement en ses articles 15, 16, 17 et 18;
Dusubiye ku Iteka rya Perezida n° 37/01 ryo kuwa 30/08/2004 rigena uburyo bwo gushyira mu myanya Abakozi ba Leta ;	Having reviewed the Presidential Order n° 37/01 of 30/08/2004 on terms of recruitment in Public Service;	Revu l'Arrêté Présidentiel n° 37/01 du 30/08/2004 déterminant les modalités de recrutement dans la Fonction Publique ;
Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;	On proposal by the Minister of Public Service and Labour;	Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail ;
Inama y'Abaminisitiri yateranye kuwa 03/09/2010 imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by the Cabinet in its session of 03/09/2010;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres en sa séance du 03/09/2010;
<b>TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE</b>	<b>HAVE ORDERED AND ORDER</b>	<b>AVONS ARRETE ET ARRETONS</b>
<b><u>UMUTWE WA MBERE:</u> INGINGO RUSANGE</b>	<b><u>CHAPTER ONE:</u> GENERAL PROVISIONS</b>	<b><u>CHAPITRE PREMIER :</u> DISPOSITIONS GENERALES</b>
<b><u>Ingingo ya mbere:</u> icyo iri teka rigamije</b>	<b><u>Article One:</u> Purpose of this Order</b>	<b><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</b>
Iri teka rigena uburyo bwo gushyira abakozi mu myanya mu nzego z'imirimo ya Leta.	This Order determines the modalities for the recruitment of public servants.	Le présent arrêté détermine les modalités de recrutement des agents de l'administration publique.
<b><u>Ingingo ya 2:</u> Abarebwa n'iri teka</b>	<b><u>Article 2:</u> Scope of application</b>	<b><u>Article 2:</u> Champ d'application</b>
Iri teka rireba ishyirwa ry'abakozi mu myanya ipiganirwa kandi yemewe yo mu Butegetsi bwa Leta, uretse abakozi bagengwa na sitati	This Order shall apply for the recruitment of public servants for the post through competition and approved in the public service with the	Le présent arrêté s'applique au recrutement des agents de l'Etat aux postes pourvus sur concours et approuvés au sein de

zihariye.

exception of public servants governed by specific statutes.

l'administration publique, exception faite aux agents régis par les statuts particuliers.

**Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo**

**Article 3: Definitions of terms**

**Article 3 : Définitions des termes**

Muri iri teka, amagambo akurikira afite ibisobanuro bukurikira:

For the purpose of this Order, the following terms shall have the following definitions:

Aux termes du présent arrêté, les termes ci - après ont les significations suivantes :

1° **Komisiyo:** Komisiyo ishinzwe Abakozi ba Leta;

1° **Commission:** Public Service Commission;

1° **Commission :** Commission de la Fonction Publique ;

2° **Minisitiri:** Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze ;

2° **Minister:** the Minister in charge of public service;

2° **Ministre :** Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions ;

3° **Ubutegetsu Bwite bwa Leta:** Inzego Nkuru za Leta, Minisitiri, Intara, Umujyi wa Kigali, Ibigo bya Leta na za Komisiyo z'Igihugu.

3° **Central Government:** High Public Institutions, Ministries, Provinces, Ville de Kigali, Public Institutions and National Commissions.

3° **Administration Centrale :** Hautes Institutions de l'Etat, Ministères, Provinces, Ville de Kigali, Etablissements Publics et Commissions Nationales.

**UMUTWE WA II: UBURYO ABAKOZI BASHAKWA**

**CHAPTER II: MODALITIES FOR THE RECRUITMENT**

**CHAPITRE II: MODALITES DE RECRUTEMENT**

**Ingingo ya 4: Ibishingirwaho mu gushaka abakozi**

**Article 4: Criteria for the recruitment of Public Servants**

**Article 4: Critères de recrutement**

Abakozi ba Leta bashakwa hashingiwe ku mbonerahamwe y'imyanya y'imirimo ya buri rwego yemejwe n'inzego zibishinzwe.

Public Servants shall be recruited in accordance with organisational structures approved by competent authorities.

Les agents de l'Etat sont recrutés sur base des cadres organiques approuvés par les autorités compétentes.

**Ingingo ya 5: Gutangaza imyanya ikeneye abakozi**

Urwego rukeneye abakozi rwaba ari urwo mu Butegetsi Bwite bwa Leta, urwo mu Nzego z'Ibanze, Kaminuza cyangwa Ishuri Rikuru bya Leta rumenyekanisha imyanya ikeneye abakozi, ku rubuga rwa interineti rwayo, mu binyamakuru nibura bibiri (2) byo mu Gihugu no kuri radio na televiziyo iyo bishobotse, kandi rukagenera kopi Minisitiri na Komisiyo.

Iyo imyanya ikeneye abakozi ari iyo abakozi bigisha, gutangaza imyanya bikorwa ku buryo bwavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo; urwego rwatangaje imyanya rukagenera kopi Minisitiri ufite uburezi mu nshingano ze na Komisiyo.

**Ingingo ya 6: Uburyo bwo gusaba akazi**

Abashaka akazi ku myanya yatangajwe bagomba kuzuza ifishi ikoreshwa mu gusaba akazi, iboneka ku rubuga rwa interineti rwa Komisiyo, ku cyicaro cyayo no ku cyicaro cy'urwego rukeneye abakozi.

Abashaka akazi bagomba kugeza ifishi ikoreshwa mu gusaba akazi ku rwego rukeneye abakozi mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uherye igihe imyanya yatangarijwe.

**Article 5: Advertisement of vacant posts**

The recruiting institution whether is from Central Government, Local Government, public University or High Institution of learning shall advertise the vacant post on its website, in at least two (2) local newspapers on radio or television if possible and shall provide a copy to the Ministry and Commission.

When the vacant posts are for teaching profession, the advertisement of the posts shall be done as it is provided for in paragraph one of this Article; the Institution which advertised the post shall provide a copy to the Minister in charge of education and Commission.

**Article 6 : Job application procedure**

Candidates applying for jobs shall fill the application form available on website of the Commission, at its head office and the recruiting institutions head office.

The applicants shall deposit the application form to the recruiting institution within a period not exceeding five (5) working days, from the date of advertisement of the posts. The

**Article 5: Publication des postes vacants**

L'Institution qui recrute qu'elle soit de l'Administration Centrale, Administration Locale, Université ou Institut Supérieur d'Enseignement public publie les postes vacants à son site web, dans deux (2) journaux locaux au moins, à la Radio ou à la télévision si possible, et réserve une copie au Ministre et à la Commission.

Lorsque les postes vacants relèvent du corps enseignant, la publication des postes est faite selon les dispositions de l'alinéa premier du présent article; l'institution qui a publié les postes réserve une copie au Ministre ayant l'éducation dans ses attributions et à la Commission.

**Article 6: Procédure de demande d'emploi**

Les candidats qui désirent postuler pour les postes publiés doivent remplir une fiche de demande d'emploi disponible sur le site web de la Commission, à son siège et au siège de l'institution qui recrute.

Les candidats doivent déposer la fiche de demande d'emploi à l'institution qui recrute dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à partir du jour de la publication des



**Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010**

Iyo fishi igomba kandi kuba iherekejwe na fotokopi y'impamyabushobozi isabwa na fotokopi y'indangamuntu.	application form shall be accompanied by a photocopy of the required degree and a photocopy of the identity card.	postes. Cette fiche doit être accompagnée d'une photocopie du diplôme exigé et d'une photocopie de la carte d'identité.
Iyo nta bakandida babonetse ku myanya yatangajwe, urwego rukeneye abakozi rubimenyesha Minisitiri na Komisiyo bagasuzuma uburyo uwo mwanya wabonerwa umukozi.	When the candidates did not apply for the advertised post, the recruiting institution shall communicate this unavailability to the Minister and the Commission to find a way of filling that post.	Lorsque les candidats n'ont pas postulé pour les postes publiés, l'institution qui recrute en informe le Ministre et la Commission afin de trouver le moyen de pourvoir à ce poste.
ifishi ikoreshwa mu gusaba akazi ishobora kuzuzwa mu nyandiko cyangwa bicishijwe ku rubuga rwa interineti.	The application form may be filled online or as a hardcopy.	La fiche de demande d'emploi peut-être complétée par écrit ou par voie électronique.
Ifishi ikoreshwa mu gusaba akazi iri ku mugereka w'iri teka.	The application form is annexed to this Order.	La fiche de demande d'emploi est annexée au présent arrêté.

**Ingingo ya 7: Gutoranya abakandida bazakora ibizamini**

**Article 7: Short listing of candidates**

**Article 7: Présélection des candidats**

Mbere yo gukoresha ibizamini, urwego rukeneye abakozi rugomba kugaragaza urutonde rw'abakandinda bemerewe gukora ikizamini n'urutonde rw'abatemerewe gukora ikizamini n'impamvu batatoranijwe.	Before the examination, the recruiting institution shall publish a list of candidates who have been selected for examination, and those who have not been selected to seat for the examination and the reason why.	Avant de faire passer l'examen, l'institution qui recrute publie la liste des candidats retenus au concours et celle des non retenus ainsi que les motifs de non rétention pour ces derniers.
Urutonde ruvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo rumanikwa ku rwego rukeneye abakozi.	The lists provided for in Paragraph One of this Article shall be published at the notice board of the recruiting institution.	Les listes prévues à l'alinéa premier du présent article doivent être affichées à l'Institution qui recrute.

**Ingingo ya 8: Igihe cyo gutoranya abakandida bazakora ibizami**

Gutoranya abakandida bazakora ibizamini bikorwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uherye ku itariki ntarengwa abakandida bagomba kuba batangiyeho amadosiye asaba akazi.

**Ingingo ya 9: Ikorwa ry'ikizamini**

Urwego rukeneye umukozi rutangaza amatariki, isaha n'ahantu ibizamini bizakorerwa.

Umunsi wo gukoreraho ikizamini ugomba kuba ari umunsi w'akazi kandi kigakorwa mu masaha y'akazi.

Abakandida bagomba kugaragaza indangamuntu zabo z'umwimerere mbere y'uko bemererwa gukora ikizamini.

**Ingingo ya 10: Itegurwa ry'ibizamini**

Urwego rukeneye abakozi rushobora kwiyambaza, iyo bibaye ngombwa, biro y'impuguke mu gutegura, gukoresha no gukosora ibizamini.

Abakandida bakora ikizamini cyanditse n'ikizamini gikozwe ku buryo bw'ikiganiro.

**Article 8: Deadline for short listing**

The short listing shall be carried out within a period not exceeding five (5) working days from the application's deadline.

**Article 9: Examination Process**

A recruiting institution shall publish the date, time and venue provided for the tests.

A day for the examination shall be a working day and during working hours.

Candidates shall show their original identity card before they are allowed to sit for an examination.

**Article 10: Preparation of the tests**

The recruiting institution shall, if necessary, hire a professional consultancy firm to prepare, conduct and the test making.

Shortlisted candidates must do both written test and oral interview.

**Article 8: Délai de présélection**

La présélection se fait dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à partir de la date limite de dépôt des candidatures.

**Article 9: Procédure d'examen**

L'institution qui recrute publie la date, l'heure et le lieu prévus pour passer les examens.

Le jour d'examen doit être un jour ouvrable et pendant les heures journalières de travail.

Les candidats doivent présenter les originaux de leurs cartes d'identité avant d'être autorisés à passer l'examen.

**Article 10: Préparation des examens**

L'institution qui recrute peut, s'il s'avère nécessaire, faire recours à un bureau de consultance pour préparer, administrer et corriger les examens.

Les candidats présélectionnés doivent passer les examens écrits et oraux.

**Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010**

Ibizamini byose bibarirwa amanota angana n'ijana ku ijana (100%).

All exams are marked out of a hundred percent (100%).

Tous les examens sont cotés sur une note totale de cent pourcent (100%).

**Ingingo ya 11: Ikizamini cyanditse**

**Article 11: Written test**

**Article 11: Examen écrit**

Ikizamini cyanditse gitegurwa hakurikijwe ibisabwa kuri buri mwanya kandi gikorwa ku manota angana na mirongo itanu ku ijana (50%) ugereranyije n'amanota yose y'ibizamini byose bikorwa.

The written test shall be prepared in accordance to the requirements of each post and shall be graded out of fifty percent (50%), of the total mark.

L'examen écrit est préparé conformément aux exigences du poste ouvert au concours et est coté à cinquante pour cent (50%) du total de la note attribuée à tous les examens prévus à ce poste.

Ikizamini cyanditse gikorwa mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi kuva urutonde rw'abemerewe gukora rusohotse.

A written test shall be held within three (3) days from the date of the announcement of the list of eligible candidates.

L'examen écrit doit être passé dans un délai de trois (3) jours après la publication des candidats retenus à la présélection.

Nta mukandida wandika izina rye ku rupapuro rw'ikizamini. Mu mwanya w'amazina hakoreshwa kodi zigenwa kandi zikabikwa n'urwego rukeneye abakozi. Kodi n'amazina by'abakandida bihuzwa ibizamini bimaze gukosorwa.

No candidate shall write his/her name on the answer sheet. Codes shall be used instead of names of candidates and these codes shall be provided by the recruiting institution. The codes and names of candidates shall be matched after the marking of the tests.

Aucun candidat ne doit mentionner son nom sur le papier d'examen. A la place réservée aux noms, on utilise les codes établis et gardés par l'institution qui recrute. Les codes et les noms sont mis ensemble après la correction des examens.

Ikizamini kigamije kureba uko ibyo umukandida azi abishyira mu bikorwa na cyo kibarirwa muri iki cyiciro cy'ikizamini cyanditse. Iyo bibaye ngombwa, ikizamini kigamije kureba uko ibyo umukandida azi abishyira mu bikorwa gishobora gukorwa cyonyine.

The test aimed at testing the practical capacity of the candidate in translating his/her knowledge and skills into practice shall be classified in the category of written and. Where necessary, the test aimed at testing the practical capacity of the candidate in translating his/her knowledge and skills into practice may be done alone.

L'examen pratique fait partie de l'examen écrit et, si nécessaire, l'examen pratique peut être le seul à être considéré.

**Ingingo ya 12: Ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro**

Ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro kigenerwa amanota angana na mirongo itanu ku ijana (50%) ugereranije n'amanota yose y'ibizamini byakozwe.

Ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro gikorwa mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi, nyuma yo gutangaza amanota y'ikizamini cyanditse. Iyo hari umukandida wajuririye amanota y'ikizami cyanditse, ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro gikorwa ubujurire burangiye.

**Ingingo ya 13: Ikizamini cyihariye**

Urwego rushaka abakozi rushobora gutanga ikizamini kimwe kigahabwa amanota ijana ku ijana (100%) rumaze kubyumvikanaho na Komisiyo. Icyo gihe, ibiteganywa mu ngingo ya 11 na 12 z'iri teka ntibyubahirizwa.

**Ingingo ya 14: Gutangaza amanota y'ibizamini byanditse**

Amanota y'abakoze amapiganwa y'ikizamini cyanditse agomba gutangazwa mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi uherye itariki ya nyuma amapiganwa yarangiriyeho.

**Article 12: Oral test**

The oral test shall be marked out of fifty percent (50%) of the total mark for all tests.

The oral test shall be done within three (3) working days after the publication of written test results. If any candidate has appealed on the written results, the oral test shall be done after the termination of the appeal.

**Article 13: Special examination**

The recruiting institution may conduct a single test out of a hundred percent (100%) after consultation with the Commission. In this case, the provisions of Articles 11 and 12 of this Order shall not apply.

**Article 14: Publication of written test results**

The written test results shall be published within a period not exceeding ten (10) working days from the last date tests were conducted.

**Article 12: Examen oral**

L'examen oral est coté à cinquante pour cent (50%) du total de la note attribuée à tous les examens prévus.

L'examen oral est passé dans un délai de trois (3) jours après la publication des résultats de l'examen écrit. S'il y a un candidat qui a fait recours sur les résultats de l'examen écrit, l'examen oral est passé après que le recours soit terminé.

**Article 13: Examen spécial**

L'institution qui recrute peut faire passer un examen et l'évaluer à cent pour cent (100%) après consultation avec la Commission. Dans ce cas, les dispositions des articles 11 et 12 du présent arrêté ne sont pas applicables.

**Article 14: Publication des résultats des examens écrits**

Les résultats des examens écrits doivent être publiés dans un délai ne dépassant pas dix (10) jours ouvrables à partir du dernier jour du concours.

**Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010**

Amanota abakandida babonye amanikwa ku cyicaro cy'urwego rukeneye abakozi.

The results obtained by the candidates shall be posted on the notice board of the recruiting institution.

Les résultats obtenus par les candidats doivent être affichés au siège de l'institution qui recrute.

**Ingingo ya 15: Kujurira**

Umukandida utanyuzwe n'amanota yabonye ajuririra ku rwego rwa mbere, urwego rushaka umukozi mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) uherye igihe amanota yatangarijwe, akagera kopi Komisiyo.

**Article 15: Appeal**

A candidate who is not satisfied with results obtained shall appeal on the first degree to the recruiting institution within a period not exceeding three (3) calendar days from the date of the announcement of the results, with copy to the Commission.

**Article 15: Recours**

Le candidat qui n'est pas satisfait des résultats obtenus peut introduire au premier degré un recours devant l'institution qui recrute dans un délai ne dépassant pas trois (3) jours calendriers à compter du jour de la publication des résultats et une copie est réservée à la Commission.

Iyo bigaragaye ko hakoze ikosa mu guteranya amanota, bikosorwa ako kanya n'abakoresheje ibizamini.

If it is observed that there is a material error in adding marks, the error shall be immediately corrected by the staff who conducted the tests.

S'il est constaté une erreur matérielle sur la copie, la correction est faite immédiatement par le personnel qui a fait passer l'examen.

Iyo ikosa ryakozwe rishingiye ku mikosore, urwego rukeneye umukozi rusaba uwateguye ibizamini akanabikosora gusubiramo agakosora impapuro zose z'abakandida kuri icyo kibazo.

If the error is related to the marking procedures, the recruiting institution shall request the staff that conducted and corrected the tests, to review the marking of all sheets for that specific question.

S'il s'agit d'une erreur de correction, l'institution qui recrute demande au personnel qui a fait passer et corriger les examens, de recorriger, sur toutes les copies, la question qui fait l'objet de réclamation.

Urwego rwajuririwe rugomba gutanga igisubizo kuri ubu bujurire mu gihe cy'iminsi itarenze itatu (3) y'akazi uherye ku itariki ubujurire bwakiriweho.

The institution referred to must give a ruling within three (3) working days from the date of the reception of the appeal.

L'institution saisie en recours est tenue de statuer dans trois (3) jours ouvrables à partir de la date de réception du recours.

Iyo umukandida atanyuzwe n'uburyo ikibazo cye cyakemuwe, ajurira ku rwego rwa kabiri muri Komisiyo mu gihe kitarenze iminsi itatu

If the candidate is not satisfied with the ruling given by the recruiting institution, he/she shall bring his/her case before the Commission

Lorsque le candidat n'est pas satisfait de la réponse obtenue, il saisit au second degré, la Commission dans un délai ne dépassant pas

**Official Gazette n° 50 bis of 13/12/2010**

(3) y'akazi uherye ku itariki yaboneyeho igisubizo cy'urwego rwakoresheje ibizamini.	within three (3) working days from the date of receipt of the response from the recruiting institution.	trois (3) jours ouvrables à partir de la date de réception de la réponse par l'institution qui recrute.
Komisiyo na yo isubiza uwayijuririye mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uherye umunsi yakiriyeho ubujurire.	The Commission shall render its decision within three (3) working days, from the receipt of the request.	La Commission saisie doit statuer dans un délai ne dépassant pas trois (3) jours ouvrables à partir de la date de réception du recours.
Impapuro zakoreweho ibizamini zibikwa n'urwego rwakoresheje ibizamini mu gihe kitari munsi y'amezi atandatu (6) kuva igihe igihe cy'ubujurire kirangiye.	The tests and the answer sheets shall be kept by the recruiting institution at least for a period of six (6) months from the end of the period of the appeal.	Les copies d'examens et les grilles de réponses sont conservées par l'institution qui recrute pendant six (6) mois au minimum à partir de la fin du délai de recours.
<b><u>Ingingo ya 16: Gutangaza amanota y'ibizamini bikorwa mu buryo bw'ikiganiro</u></b>	<b><u>Article 16: Publication of oral tests results</u></b>	<b><u>Article 16: Publication des résultats des examens oraux</u></b>
